INAMA IHUZA ABAPADIRI N'UMWEPISKOPI YABAYE TARIKI YA 22-25 UTARAMA 2018

Guhera ku wa mbere tariki ya 22 i saa tatu za mugitondo kugeza ku wa kane tariki 25 Mutarama 2018, ku Nyundo habereye Inama isanzwe ihuza abapadiri n'Umwepiskopi (Presbyterium). Iyi nama yamaze iminsi ine yibanze cyane cyane kukureba ishyirwa mu bikorwa ry'icyerecyezo gishya Umwepiskopi yatanze cy'imicungire y'umutungo wa Paruwasi, bakabihuza kandi n'icyerecyezo cy'iyogezabutumwa Umwepikopi yatanze muri uyu mwaka wa 2018. Hari kandi kubanza kwerekana ibyagezweho mu mwaka ushize wa 2017 no kwerekana iteganyabikorwa ry'uyu mwaka wa 2018, mu icyenurabushyo ndetse no mu icungamari ya Paruwasi. Ibi birakorwa hakurikijwe MAPAFC (Mannuel de Procedure Administratif Financier et Comptable). Muri iyi Nama kandi irangiye ni nabwo Umwepiskopi yatangarije abapadiri abagize Conseils zinyuranye yahaye ubutumwa, na za Commission zinyuranye ndetse n'abazihagarariye ,(Tuzazibagezaho ubutaha).

Inama yashojwe n’Igitambo cy’Ukaristiya cyatuwe n’Umwepiskopi akikijwe n’abasaseridoti twese.

Nyuma y’Igitambo cy’Ukaristiya habayeho igitaramo,Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yifuriza Abasaseridoti bose umwaka mushya muhire wa 2018; yakomeje kandi yakira Padiri Jean Colbert NZEYIMANA, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Muramba uvuye kwiga mu Gihugu cy’Ubutaliyani, yari kumwe kandi na Padiri Théodose MWITEGERE,Umurezi mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda nawe waje uyu mwaka arangije amasomo ye akaba yaratangiye ubutumwa. Aba nibo bari kumwe n’Umwepiskopi bakata Gato ifungura Igitaramo. Mu ijambo ryavuzwe na Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI, Igisonga cy’Umwepiskopi, yavuze mu izina ryabandi bapadiri ashimira Umwepiskopi wacu ku murimo turangije , ku cyerecyezo cyiza yaduhaye mu butumwa no kumenya gucunga neza umutungo wa Paruwasi; yakomeje amwifuriza mu izina ry’abandi basaseridoti umwaka mushya muhire. Kandi ko natwe tuzihatira kugendera mu murongo yatanze haba mu iyogezabutumwa ndetse no kumenya gucunga neza umutungo wa Paruwasi dufitemo ubutumwa.

Mu ijambo Padiri Jean Colbert na Theodose bavu, bishimiye kuba bari kumwe n'abandi basaseridoti. Bagaragaje ibyishimo bafite mu butumwa bahawe. Bashimiye Umwepiskopi, kandi bamugejejeho intashyo z'abandi Basaseridoti ba Diyosezi ya Nyundo bari hanze y'Igihugu kubera ubutumwa bunyuranye bahawe.

Mu Ijambo rye asoza Inama n'igitaramo, yatangiye ashimira abasaseridoti bose uko bitabiriye Inama, uburyo bakoze rapport basabwe, ibyo biyemeje byagaragaye n'uko bazabishyira mu bikorwa. Yakomeje kandi ashima ubumwe buranga abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo avuga ko ari ukubukomeraho kandi tukabutoza n'abato baza badusanga kuko ari indangagaciro ikomeye dufite. Yakomeje yifuriza abapadiri bavuye ku masomo ubutumwa bwiza. Akomeza yifuriza buri wese umwaka mushya muhire mu mirimo y'ubutumwa yahawe.

Padiri Jean Marie KWIZERA